

UMUNSI WA MBERE

Insanganyamatsiko

Int, 1,28 “Imana ibaha umugisha, irababwira iti: “Nimwororoke, mugwire, mukwire isi yose”. (Urup. 22)

Umuyoboro w'ibitekerezo

Kubyara ni ubutumwa Imana yahaye umugabo n'umugore imaze kubarema no kubaha umugisha.

- Ese abashakanye biyumvisha neza ubwo butumwa?
- Babwakira bate?
- Ese baba babwishi miye?
- Muri ubwo butumwa nta mbogamizi bahura nazo?
- Niba zihari ni izihe?
- Hakorwa iki kugira ngo zikumirwe?

Umugambi: “Duhe agaciro inyigisho za Kilizya ku Isakramentu ryo gushyingirwa”.

Indirimbo: Singizwa N°8 “Urukundo unkunda”. Urup.51

UMUNSI WA KABIRI

Insanganyamatsiko

“Umuryango, ishuri ry'ibanze”.

Umuyoboro w'ibitekerezo

- Ese ababyeyi baba bazi inshingano zabo?
- Bitabira bate inshingano yo kurera?
- Batanga ubuhe burere?
- Ni uruhe ruhare rw'umugabo n'umugore mu burere bw'umwana?
- Baba bumva se ko kwita ku burere bw'umwana ari ngombwa?
- Baba babona igihe gihagije cyo kubwitaho?
- Ni uruhe rugero rw'ababyeyi mu burere bw'umwana muri iki gihe?

Umugambi: Imig 22,6 “Nutoza umwana muto inzira agomba gukurikira, naba n'umusaza ntazayiteshukaho”. Urup. 1105

Indirimbo: X19 “Ha ababyeyi kukurerera neza ha n'abana gukurana urukundo” (igitero cya kane) Igitabo cy'umukristu urup.392

UMUNSI WA GATATU

Insanganyamatsiko

Insanganyamatsiko
“Kurera abana gikristu”.

Umuyoboro w'ibitekerezo

- Ni iyihe myitwarire y'ingo z'iwanyu mu burere bw'abana?
- Twaba tuzi ko urugo rwa gikristu ari Kilizya y'ibanze?
- Ese ingo zacu zaba zitoza ubukristu abana bazirererwamo?
- Bikorwa mu buhe buryo?
- Bitanga uwuhe musaruro?
- Ni izihe ngorane muhura nazo?
- Ni ibiki biranga umwana warezwe gikristu?

Umugambi: Ef.6, 4 “Namwe babyeyi, ntimugakure umutima abana banyu, ahubwo mubarere neza, mubakosore kandi mubagire inama zikomoka kuri Nyagasani”. Urup. 2052

Indirimbo: Singizwa N°8. Erekeza umutima wawe ku Mana.

UMUNSI WA KANE

Insanganyamatsiko

“Umwana ni uwa twese”

Umuyoboro w'ibitekerezo

- Uburerere bw'umwana ntibureba ababyeyi be gusa
- Abandi bureba ni bande?
- Ubufatanye bwabo buhagaze bute?
- Muri ubwo bufatanye ni iki cyakwitabwaho?
- Byatanga uwuhe musaruro?
- Hakorwa iki kugira ngo biggerweho?
- Hakwifashishwa iki?

Umugambi: “Inkingi imwe ntigera inzu”

Indirimbo: Z33 “Mbega ngo biraba byiza” (Igitabo cy'umukristu urup.466)

UMUNSI WA GATANU

Insanganyamatsiko

“ Uburerere bw'umwana muri ibi bihe”

Umuyoboro w'ibitekerezo

- Muri iki gihe uburerere bw'umwana bwugarijwe n'ibibazo by'insobe.
- Hari imitego mwaba muzi uburerere bw'umwana buhura nayo muri iki gihe?
- Niba ihari ni iyihe ?
- By'umwihariko iyo muhura nayo iwanyu ni iyihe?
- Yaba iterwa n'iki?
- Hakorwa iki kugira ngo tuyigobotore?
- Ni uruhe ruhare rw'umwana kugira ngo yirinde kugwa muri iyo mitego?
- Ababyeyi bo se?

Umugambi: Rom, 12,2 “Kandi ntimukigane ibi bihe turimo, ahubwo nimuhinduke, mwivugururemo ibitekerezo, kugira ngo muzajye mumenza neza ugushaka kw'Imana, ikiri cyiza, icyashimisha n'ikiboneye”. Urup. 1988

UMUNSI WA GATANDATU

Insanganyamatsiko

“Impano isumba izindi umubyeyi ashobora guha umwana ni uburerere bwiza”

Umuyoboro w'ibitekerezo

- Ese ababyeyi biyumvisha neza ko impano isumba izindi bashobora guha umwana wabo ari uburerere bwiza?
- Uburerere bwiza ababyeyi babwumva gute?
- Uburerere bwiza ni ubuhe?
- Twabugeraho dute?
- Twabifashwamo n'iki?

Umugambi: ”Tim. 4, 12b “Ahubwo uzabere abayoboke urugero, ari mu magambo, ari mu migenzereze, mu rukundo, mu kwemera, no mu budahemuka”.

Indirimbo: Singizwa N°7. “Uhoraho wantwaye umutima”. Urup. 57)

UMUNSI WA KARINDWI

Insanganyamatsiko

“ Umuryango mwiza utanga intore zizihye Kiliziya n’abageni babereye Ighugu”.

Umuyoboro w’ibitekerezo

- Umwana uzi ubwenge bamusiga yinogereza.
- Ese imvugo nk’iyi abana bayumva gute?
- Yakirwa ite mu gihe tugezemo?
- Yaba ishyirwa mu bikorwa?
- Mu buhe buryo?
- Umusaruro uboneka wifashe ute?
- Tuwubungabunga dute?

Umugambi: “Ukwibyara gutera ababyeyi inea”

Indirimbo: Singizwa N°7. “Komeza intambwe zanjye” urup.51

UMUNSI WA MUNANI

Insanganyamatsiko

“Kurera ni uguhozaho”

Umuyoboro w’ibitekerezo

- Ese ababyeyi niko babyumva?
- Abana bo babyumva bate?
- Babyakira bate?
- Abana baba bemera impanuro bahabwa?
- Abazakira zibageza ku ki?
- Abataziha agaciro bahagaze bate?
- Ari abarera n’abarera Kiliziya bayitezeho iki?

Umugambi: “Umwana ufite uburere bwiza ni ishema ry’Ighugu na Kiliziya”.

Indirimbo: Singizwa N°7 “ Byose bihira abakunda Imana”. Urup.33

UMUNSI WA CYENDA

Insanganyamatsiko:

“ Ejo hazaza h’iyi si hashingiye ku muryango” (Saint J.Paul II)

Umuyoboro w’ibitekerezo

- Uburerere bwiza dukomora mu muryango butanga icyizere cy’ejohazaza.
- Ubwo burere bwaba aribwo butangwa?
- Buhera ryari?
- Butangwa gute?
- Komisiyo y’Umuryango yaba ibegera?
- Iyo Komisiyo yabafasha iki?
- Iyi Noveni ibasigiye iki?

Umugambi: “Turerere Ighugu na Kiliziya”

Indirimbo: Singizwa N°7. “Nzaterura ndirimbe ibisingizo” Urup.45.

Isengesho ryo gusabira ingo

Manadata, ni wowe washatse ko Umwana wawe avukira mu rugo rumeze nk’izindi zose kandi akarukuriramo. Mu mibereho isanzwe y’urugoyabanyena Mariyana Yozefu, maze bamutoza imico nyayo, kandi bamufasha kugenda arushaho gusobanukirwa n’ubutumwa ashinzwe ku isi.

Nuko rero Dawe, turakwinginze, uhe ingo ziriho muri iki gihe gusugira, kunga ubumwe no gushinga imizi ihamye. Uhe buri muntu mu bazituye gusagamba mu byishimo byo kumva ko ari kumwe n’abandi, kandi anogerwe no kubagirira imbabazi. Fasha ingo zose gutega amatwi amajwi y’abaziyambaza, no kwihutira kubakirana urugwi.

Manadata, wowe Nyir’ubuntu butagira urugero, rebana impuhwe ingo zose ziri mu ngorane z’indwara, urupfu, ubwumvikane buke n’ubuta-ndukane, abazituye ubahe kukwemera no kukwizera, maze bakurizeho na bo ubwabo kwizerana. Ufashe buri rugo kwakira Roho Mutagatifu wawe, no kwemera buri munsi kuyoborwa na We, maze ingo zose zibe ishingiro rya Kiliziyan’isoko y’amajyambere nyakuri. Ku bwa Yesu Kristu, Umwami wacu. Amen.

**UMUNSI MWIZA W’URUGO RUTAGATIFU
NUMWAKA MUSHYA MUHIRE WI 2017**

Commission Episcopale pour la Famille
B.P. 357 Kigali

NOVENI ITEGURA UMUNSI MUKURU W’UMURYANGO
30 Ukuboza 2016

« Dategure umuryango w’ejotwita ku burere bw’umwana ».



Ijambo ry’ibanze

Muri gahunda y’Imana kubyara ni ubutumwa Imana yahaye umugabo n’umugore imaze kubarema no kubaha umugisha.

« Nuko Imana irema umuntu mu ishusho ryayo ibarema ari umugabo n’umugore ibaha umugisha, irababwira iti: Nimwororoke ». (Int.1,27-28).

Abana rero ni ingabire y’Imana n’umugisha wayo

« Ni ukuri koko, abana umuntu abyaye ni ingabire y’Uhoraho, abuzukuru n’abuzukuruza ni ingororano imuturukaho ». (Z. 127,3).

Kubyara ariko ntibihagije, ababyeyi bafite inshingano yo gufata iya mbere mu kwita ku burere bw’umwana kuva agisamwa.

Ni koko kandi « Uburerere buruta ubuvuke ».

Kubera iyo mpamvu ababyeyi bagomba gutegurira umwana kuba umukristu uzavamo umubyeyi ubereye igihugu na Kiliziya.

Ni muri urwo rwego, Komisiyo y’Inama y’Abepikopi Gatolika ishinzwe umuryango mu rwego rw’igihugu yateguye Noveni izadufasha kwitegura no guhimbaza umunsi mukuru w’Umuryango Mutagatifu uzaba tariki ya 30 Ukuboza 2016.

Iyo Noveni ifite insanganyamatsiko igira iti: « Dategure umuryango w’ejotwita ku burere bw’umwana ».

Izadufasha kuzirkana ku nshingano z’ababyeyi mu burere bw’umwana we mizero y’igihugu na Kiliziya.

Iyi Noveni izatangira ku wa gatatu tariki ya 21 Ukuboza irangire ku wa kane tariki ya 29 Ukuboza 2016.

Noheli nziza n’umwaka mushya muhire w’i 2017

Komisiyo y’Abepikopi Gatolika ishinzwe umuryango.